REPUBULIKA Y'U RWANDA

ICYEREKEZO 2020 CY'U RWANDA

IJAMBO RY'IBANZE

Icyerekezo 2020 ni isangano ry'ibyifuzo n'imigambi by'Abanyarwanda bigamije kubaka ubunyarwanda bushingiye ku bumwe na demokarasi kandi buri wese yibonamo, nyuma y'amateka maremare yaranzwe n'ubuyobozi bukandamiza kandi buvangura. Muri iki Cyerekezo, tugamije guhindura imiterere y'igihugu cyacu ku buryo kibarirwa mu bifite ubukungu bucirirtse, aho abanyarwanda bose bazaba bafite ubuzima buzira umuze, bajijutse, kandi bakungahaye kurushaho. u Rwanda twifuza ni urwunze ubumwe kandi ruhagaze neza mu ruhando rw'ibihugu duturanye ndetse n'andi mahanga yo ku isi.

Kugira ngo ibyo bigerweho, Icyerekezo 2020 cyihaye inkingi magirirane esheshatu, zirimo imiyoborere myiza no gucunga neza ibya rubanda, umutungo ushingiye ku bantu bafite ubushobozi, urwego rw'abikorera rukomeye, ibikorwa remezo bijyanye n'igihe tugezemo, ubuhinzi n'ubworozi buvuguruye, byose bigamije kugera ku masoko yaba ay'imbere mu gihugu, mu karere turimo ndetse n'ahandi ku isi.

Iki Cyerekezo ni umusaruro wo kungurana ibitekerezo kwabaye hagati y' 1997 n' 2000. Ibyo biganiro n'impaka byahuje Abanyarwanda b'ingeri zose barimo abikorera, Leta, inzobere za kaminuza n'imiryango itegamiye kuri Leta.

Ni ngombwa gushimangira ko iki Cyerekezo kitareba Leta gusa. Icyerekezo 2020 ni umugambi abanyarwanda bose bahuriyeho. Tugomba guhora tugenzura ko ibyo dukora byose, buri wese ku giti cye cyangwa turi hamwe, mu bucuruzi no mu zindi nzego dukoreramo, biganisha ku ntego zikubiye muri iki Cyerekezo. Nk'uko ibihugu byagaragaje kwihuta mu iterambere byabigenje, Icyerekezo 2020 cyacu kitubere nk'ipfundo ryunze abanyarwanda basenyera umugozi umwe bagamije kwiyubakira ejo hazaza heza.

Ndahamya ko Icyerekezo 2020 kizadufasha kugera ku ntego twiyemeje, kandi ko gitanzwe mu buryo bwumvikana, bityo imbaraga n'ubwihutirwe bisabwa buri wese akaba yiteguye kubitanga atizigama. Nshimiye Abanyarwanda bose n'Inshuti z'u Rwanda bazatanga umusanzu wabo kugira ngo Icyerekezo cyacu gishobore kugerwaho.

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika y'u Rwanda
(sé)

ISHAKIRO

IJAMBO RY'IBANZE 2
ISHAKIRO 3
1. Intangiriro 4
2. Aho u Rwanda ruhagaze n'inzitizi 5
2.1. Urebeye mu mateka 5
2.2. Inzitizi zikomereye u Rwanda 6
3. Intego z'ingenzi z'Icyerekezo 2020 9
3.1. Igihe cya vuba : Kubaka ubukungu rusange butajegajega no kongera umutungo hagamijwe kugabanya uruhare rw'imfashanyo 10
3.2. Igihe gicirirtse : Guhindura ubukungu bushingiye ku buhinzi bukaba ubushingiye ku bumenyi 10
3.3. Igihe Kirambye: Kugira icyiciro cy'abaturage benshi bari mu bikorwa byongera ubukungu no guteza imbere ubushobozi bwo kwihangira imirimo 11
4. Inkingi z'Icyerekezo 2020 12
4.1. Ubuyobozi bwiza na Leta ifite ubushobozi 12
4.2. Iterambere ry'ubukungu bushingiye ku bantu bafite ubushobozi no ku bumenyi 13
4.3. Iterambere rishyigikiwe n'abikorera 15
4.4. Iterambere ry'ibikorwa remezo 16
4.5. Ubuhinzi bw'inyongeragaciro bushingiye ku isoko 18
4.6. Kwinjira mu rusobe rw'ubukungu rwo mu karere n'urwo mu rwego mpuzamahanga 19
5. Imbariro z'Icyerekezo 2020 19
5.1. Uburinganire bw'abagore n'abagabo. 19
5.2. Kubungabunga Umutungo kamere n'ibidukikije 20
5.3. Ubumenyi n'ikorana buhanga harimo ikoranabuhanga mu itumanaho (ICT) 20
6. Inzira yo kugera ku Cyerekezo 2020 20
6.1. Uko igenamigambi ry'u Rwanda rizajyana n'ishyirwa mu bikorwa ry'Icyerekezo 2020 21
6.2. Amikoro yo gushyira mu bikorwa Icyerekezo 2020 : ikigenekerezo cy'ingaruka ku bipimo by'ubukungu rusange 22
6.2. Amikoro yo gushyira mu bikorwa Icyerekezo 2020 : ikigenekerezo cy'ingaruka ku bipimo by'ubukungu rusange 23
6.3 Inzego zizashyira mu bikorwa Icyerekezo 2020 25
Umwanzuro 26
Imigereka 27
Umugereka wa 1: Ibipimo by'ingenzi by'Icyerekezo 2020 27
Umugereka wa 2 : Uruhare rwa Leta turebeye mu mateka 28

1. Intangiriro

Abanyarwanda babona bate uko ejo hazaza hazaba hameze? Bifuza ko umuryango nyarwanda uzaba uteye ute? Bashobora bate kubaka ibiranga u Rwanda byuzuye kandi bitagira uwo biheza ? Ni izihe mpinduka za ngombwa kugirango igihugu kive mu mibereho n'ubukungu bikabije kuba nkene ? Ngibyo ibibazo by'ingenzi Icyerekezo 2020 gishakira ibisubizo.

Iki cyerekezo cyavuye mu ruhererekane rw'ibiganiro ngishwanama byabereye muri "Village Urugwiro" mu mwaka wa 1998 kugeza mu wa 1999. Abari muri ibyo biganiro bemerenyijwe ku bw umvikane busesuye ko hakenewe gutanga isura iboneye y' u Rwanda rw'ejo hazaza. Urwo ruhererekane rw'ibiganiro ni rwo rwatanze intango y'icyo cyerekezo.

Uyu munsi u Rwanda ruri mu masangano y'inzira ruva mu gihe cy'imfashanyo y'amahanga ijyanye no guhangana n'ingaruka za Jenoside yo mu 1994 rugana mu iterambere rirambye. Kuva mu 1994, Leta y'u Rwanda yashyize ku murongo uboneye ibijyanye na politiki ari na ko isubiza mu nzira nziza ubukungu ibitewemo inkunga ihagije n'abo bakorana mu rwego rw'iterambere. Nyamara inzitizi muri urwo rwego ziracyari nyinshi.

Ukurikije uko umuvuduko w'ubwiyongere bw'aturage uteye, birashoboka ko nta ngamba zifashwe umubare w'abatuye u Rwanda wazikuba kabiri ukagera ku bantu barenga miliyoni 16 mbere y'umwaka wa 2020[1]. Kubera ko icyifuzo gikuru cy'Icyerekezo 2020 kigomba guhindura ubukungu bw'u Rwanda mo igihugu cy'umutungo ucirirtse (aho umusaruro rusange ku muturage wagera ku madolari 900 ku mwaka uvuye kuri 220 mu mwaka 2000), ibyo bizasaba ko ubwiyongere bw'ubukungu bugera nibura kuri 7 ku ijana (7%) buri mwaka. Ibi biza gerwaho ari uko ubukungu bwacu, busanzwe bushingiye ku buhinzi bw'irenzamunsi, tubuhinduye mo ubushingiye ku bumenyi bushyigikiwe n'izigama riri ku gipimo cyo hejuru, n'ishoramari ry'abikorera; bityo kugendera ku mfashanyo y'amahanga bikagabanuka.

Ubwiyongere bw'ubukungu bwonyine ntibuhagije kugira ngo habe ho izamuka ry'imibereho myiza y'abaturage bose. Kugira ngo inzara n'ubukene bitsindwe, ubwiyongere bw'ubukungu bugomba kuba buzirikana umukene bityo bigaha Abanya rwanda bose amahirwe yo kugerwaho n'ibyiza byazanywe n'izo mpinduka zo mu rwego rw'ubukungu. Icyerekezo 2020 cyifuza ko u Rwanda rwaba Igihugu gishya, gikomeye kandi gihuje, giterwa ishema n'ibyiza biri mu muco wacyo, gihamye muri politiki kandi nta vangura rirangwa mu bagituye.

Kubera intego zirangamiwe n'inzitizi zikiriho byavuzwe haruguru, u Rwanda rukeneye icyerekezo gishya no kugishakira inzira iboneye yanyurwamo hashingiwe ku nkingi zikurikira:

- Gusana igihugu no guteza imbere imibereho y'abagituye, mu rwego rwo gushimangira ubuyobozi bwiza kandi bishyigikiwe na Leta ifite ubushobozi;

[1] Iteganyambyaro riramutse rigenze neza, imirasuko iteganya ko icyo gihe abatuye u Rwanda bagera kuri 13.000.000.

- Guhindura ubuhinzi bukaba urwego rugamije inyongeragaciro kandi rurangamiye isoko, bukanaba imbarutso y'iterambere ry'izindi nzego.
- Guteza imbere urwego rw'abikorera rurangwa n'ipiganwa n'umuco wo kwihangira imirimo;
- Kubaka ubukungu bushingiye ku bantu bafite ubushobozi n'ubumenyi bakesha uburezi bwiza, ubuzima buzira umuze n'ikoranabuhanga mu itumanaho (ICT), haba mu nzego za Leta, mu bikorera ndetse no mu miryango n'amashyirahamwe bitegamiye kuri Leta. Ibi bigomba kw itabwaho mu icyemurwa cy'ibibazo bijyanye n'ubwiyongere bw'abaturage, ubuzima, n'uburinganire hagati y'abagore n'abagabo.
- Guteza imbere ibikorwa remezo hakubiyemo guhuza uburyo bwose bwo gutwara abantu n'ibintu,ikwirakwizwa ry'ingufu n'amazi n'ibikorwa by'ikoranabuhanga mu itumanaho (ICT);
- Gushyigikira iterambere ry'ubwisanzure n'ubutwererane mu by'ubukungu mu rwego rw'Akarere u Rwanda ruherereyemo.

Izi nkingi zihuzwa n'imbariro zinyuranye zirimo uburinganire bw'abagore n'abagabo, gucunga neza no kurengera ibidukikije n'umutungo kamere, no guteza imbere ICT.

Icyerekezo 2020 kigomba kugerwaho mu busabane n'ubwumvikane bw'abaturage budaheza kandi bishyigikiwe na Leta ifite ubushobozi. Iterambere ry'u Rwanda rigomba kubakira ku mutungo w'ingenzi rufite, ari wo bana barwo.

2. Aho u Rwanda ruhagaze n'inzitizi

2.1. Urebeye mu mateka

N'ubwo bwose u Rwanda rwateye intambwe ndende ugereranyije n'uburyo igihugu cyari cyarasenyutse kikaza gukira Jenoside yo mu 1994, biragaragara ko rukirangwa n'ubukungu bukabije kuba hasi, bugishingiye ku buhinzi n'ubworozi, kandi abaturage bagera kuri 60% bakaba bari munsi y'umurongo w'ubukene. Kugira ngo umuntu yumve byimazeyo uko u Rwanda rugahagaze ubu, hagomba isesengura rihereye ku mateka.

U Rwanda ruriho kuva mu kinyejana cya 11 nk'igihugu gishingiye ku mateka amwe y'abarutuye basangiye imigenzo n'imiziririzo, bavuga ururimi rumwe kandi bahujwe n'umuco umwe. Rwari rugari kurusha uko rumeze ubu. Ubumwe bw'abanyarwanda bwari bushingiye kandi ku matsinda y'imiryango n'imihango imwe, nta vangura rishingiye ku kuba uva mu itsinda ry'umuryango uyu n'uyu.

Ubutegetsi bw'abakoloni bushingiye ku ngengabitekerezo y'ubusumbane bw'amoko, bubifashijwemo n'amadini amwe n'amwe bakuririje ubutandukane butaboneka neza bw'imibereho y'abanyarwanda maze baha intebe ivangura. Ibyo bikorwa bya hinduye imibanire y'umuryango nyarwanda, bihimba amacakubiri adafite ishingiro yaje kugira inguruka mbi cyane mu mibanire y'abanyarwanda.

Muri make, amateka y'u Rwanda yaranzwe n'ibihe bikurikira:

- Inama y'i Berlin yo mu 1884 yahaye ubutegetsi bw'Ubudage Ingoma y'u Rwanda nk'igice cy'Afurika y'Abadage y'Uburasirazuba;
- Mu igabanywa ry'Afurika ryakurikiye mu 1910, igice kinini cy' u Rwanda cyometswe ku bihugu by'ibituranyi. U Rwanda rwatakaje 1/3 cy'abari bagize isoko ry'imbere mu gihugu n'igice kinini cy'umutungo kamere warwo ;
- Nyuma y'Intambara ya mbere y'Isi n'itsindwa ry' Abadage, u Rwanda rwahawe Ububiligi ngo barutegeke mu izina ry'umuryango w'Ibihugu (League of Nations/ Société des Nations);
- Nyuma y'Intambara ya kabiri y'Isi, "Umuryango w'Ibihugu" wahindutse "Umuryango w'Abibumbye" maze u Rwanda ruhinduka igihugu gishinzwe Ububiligi ngo bururere mu izina ry'Umuryango w'Abibumbye kugeza mu mwaka wa 1962;
- Mu gihe cy'ubukoloni, ubutegetsi bw'Ababiligi bwishingikirije nkana amahame ya Darwin yari agezweho maze bavangura Abanyarwanda ku buryo bukomeye. Icyo gikorwa giteye ishavu gishobora gufatwa nk'intandaro y'ubwicanyi ngarukabihe bwakomeje gukorwa mu Rwanda, ndetse na nyuma y'ubwigenge bwarwo; bukaza guca agahigo muri Jenoside yo mu mwaka wa 1994.
- Mu mwaka wa 1994, FPR yahagaritse Jenoside; ifatanyije n'indi mitwe ya politiki ha shyizweho Guverinoma y'Ubumwe bw'Igihugu n'Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho kugira ngo bagene icyerekezo gishya cy'u Rwanda gishingiye ku nzego za demokarasi.

Uyu murage w'amateka urageraageza gusobanura neza inzitizi u Rwanda rugomba guhangana nazo nk'uko zisesengurwa imwe ku yindi mu gika gikurikira.

2.2. Inzitizi zikomereye u Rwanda

Muri iyi minsi, ubukungu bw'u Rwanda burangwa n'ubusumbane mu mbonerahamwe y'ubukungu, ubwo busumbane bukaba bugaragarira mu cyuho cy'ingengo y'imari n'ubusumbane hagati y'ibyoherezwa n'ibitumizwa hanze. Ibi kandi bigatsindagirwa n'ijanisha riri hasi mu rwego rw'izigama n'ishoramari utaretse ibura ry'akazi no kudakoresha bihagije abakozi bari mu kazi (reba imbonerahamwe ya 1). Byongeye kandi, ibicuruzwa u Rwanda rwohereza mu mahanga bigizwe ahanini n'ikawa n'icyayi usanga ibiciro byabyo biterwa n'uko isoko mpuzamahanga ryaramutse cyangwa ryiriwe bityo ibivuyemo ntibihaze mu kwishyura ibicuruzwa biva hanze bikenewe mu Rwanda.

Imbonerahamwe ya 1: Ibipimo by'ubukungu bw'u Rwanda kuva 1995 kugera 2000

Ibipimo		1995	1996	1997	1998	1999	2000
Izamuka ry'ibiciro (%)	CPI[2]	48.2	13.4	11.7	6.8	-2.4	3.9
	GDP deflator[3]	51.3	10.9	15.6	2.2	-3.5	3.3
Ikinyuranyo hagati y'izigama n'ishoramari	% umusaruro (GDP)	-22.3	-20	-18.4	-17.4	-15.6	-16.3
	Muri miliyari z'amafaranga	-77.5	-85.4	-103.1	-110.1	-101.8	-115
Umutungo wose ukoreshwa mu gihugu (% umusaruro GDP)		122.8	120.3	124.6	120.4	118.7	113.7
Icyuho cy'ingengo y'imari (% GDP)	Hatarimo impano	-13.3	-13.1	-9.9	-8.3	-9.7	-8.9
	Harimo impano	-2.3	-5.7	-2.5	-3	-3.8	0.1
Ikinyuranyo hagati y'ibicuruzwa na serivisi twohereza hanze n'ibyo dukurayo	Hatarimo amafaranga Leta yishyura hanze n'ayo ifashishwa	-20.5	-19.1	-17.6	-16.8	-17.1	-16.9
	Harimo amafaranga Leta yishyura hanze n'ayo ifashishwa	4.5	-0.3	-4.9	-9.4	-7.6	-5.1
Umusaruro nyakuri ku muturage mu madolari		185.6	204.3	216.8	202.6	252.5	227.7
Inyungu zishyurwa ku mwenda (% y'ibyo twohereza hanze)			20	14	17	26	25

Aho byavuye: Raporo "Rwanda Development Indicators" na Raporo za BNR.

Muri rusange imiterere y'ibibazo by'u Rwanda ishobora gusobanurwa kuri uru shaho umuntu arebye inzitizi zimwe na zimwe buri yose ukwayo.

(i) Igunduka n'Igabanuka ry'ubuso bw'ubutaka buhingwaho.

Ubuhinzi, bukorwa na 90% by'abantu bari mu kigero cyo gukora, bukomeza kudatanga umusaruro kandi ahanini ugasanga bukorwa by'amaburakindi. Imibare igaragaza ko abanyarwanda 9 basaranganya hegitari imwe y'ubutaka buhingwa kandi ubwo buso bukaba bugenda bugabanuka bitewe n'umuvuduko ukabije w'ubwiyongere bw'abaturage. Ingaruka yabyo rero ni uko umubare munini w'imiryango yo mu cyaro ibeshejweho n'ubuhinzi idafite nibura hegitari imwe; ibi bikaba bidahagije ngo iyo miryango ibashe kubaho neza. Ubuso bwagenewe inzuri bungana na hegitari 350.000 kandi inyinshi muri zo ntizitunganyijwe. Ibi bituma ubutaka bwose buhingwa buri gihe kandi nta n'uburyo buriho bunoze bwo kubufata neza hakoreshejwe amafumbire. Inkurikizi yabyo ni igabanuka ry'uburumbuke bw'ubutaka n'isenyuka ry'ibidukikije bigira ingaruka ku baturage zo guhorana imirire mibi. Biragaragaza ko abanyarwanda batagishoboye kubeshwaho n'ubutaka bwonyine bityo hakwiye gufatwa ingamba zo kuvana icyiciro kimwe cyabo mu buhinzi bagakora imirimo yindi nk'iy'inganda na za serivisi.

(ii) Inzitizi zinshingiye ku bibazo kamere by'ubucuruzi mpuzamahanga

U Rwanda ni igihugu kiri hagati y'ibindi bihugu kure y'inyanja; ibi bikaba ari bimwe mu byongera ikiguzi cy'ubwikorezi bw'ibintu biva cyangwa bijya mu mahanga. Igihugu ntikigira inzira zigihuza

[2] Ikigeranyo cy'ibiciro ku muguzi
[3] GDP: umusaruro rusange w'Igihugu; GDP deflator: Igipimo-mpuzamusaruro rusange w'Igihugu

na za Gari ya Moshi bityo bigasobanura ko ubwikorezi bwose bunyura mu mihanda isanzwe y'ubutaka. Imihanda itameze neza ituma ubwikorezi buhenda bityo ibicuruzwa bikorwa n'inganda zo mu gihugu bikarushaho guhenda kubera ko ibikoresho by'ibanze bigurwa hanze bigera mu Rwanda bihenze cyane. Izo nzitizi zishingiye ku bibazo kamere by'ubucuruzi mpuzamahanga by'u Rwanda zidindiza iterambere muri rusange n'iry'inganda by'umwihariko.

(iii) Ibikorwa byubakiyeho ubukungu bidahagije

Nta gushidikanya ko kongera umusaruro w'ikawa n'uw'icyayi no kubicuruza hanze bidahagije byonyine ngo hubakwe ubukungu bw'u Rwanda. Ni yo mpamvu ingufu nyinshi zigomba gushyirwa mu kongera no kwagura ibikorwa shingiro by'ubukungu hakaboneka ibintu byinshi byoherezwa ku masoko mpuzamahangaa. N'ubwo mu Rwanda haboneka ubutare bucye bunyuranye kandi bw'agaciro kanini, nta mutungo kamere n'umwe utubutse ushobora kuba imbarutso nyayo y' ubukungu bw'u Rwanda. Mu myaka myinshi ishize, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bwari bushingiye ahanini ku gucukura no kohereza hanze gasegereti yavaga mu birombe byinshi n'ahandi bayikura bitabaye ngombwa gushakira kure mu kuzimu. Nta gushidikanya ko ubundi butare nka Wolfram na Coltan ndetse na Zahabu biri mu butaka bw'u Rwanda ariko ingano yabwo ikaba itazwi neza. Nyamara u Rwanda rufite "Gaz Methane" ibarirwa muri miliyari 60 za metero kibe mu kiyaga cya Kivu ariko uru rwego ntirurabonerwa ishoramari ryo kurukoraho ubushakashatsi bucukumbuye ngo uyu mutungo ube wabyazwa inyungu.

(iv) Ubushobozi buke bw'inzego zikorera abaturage

Imiyoborere harimo n'icungwa ry'umutungo wa rubanda, ntirakomera kubera ko inzego zitaragira ingufu ndetse n'abakozi bashoboye akazi bakaba badahagije. Aho kugira ngo bubake inzego z'imirimo zitajegajega, Guverinoma zo hambere zakomeje kugendera ku mfashanyo y'amahanga yo mu rwego rwa tekiniki ihenze cyane zititaye ku kubaka ubushobozi igihugu kizakenera mu bihe birambye. Iyi mfashanyo ntiyashoboye guteza imbere ubushobozi bw'abanyagihugu. N'ubwo bwose hari intambwe iboneka yatewe muri urwo rwego, uwo murage n'ubu uracyagira ingaruka ku buyobozi bwiza.

(v) Iterambere ry'ubushobozi bw'abantu rikiri hasi

Ibura rikomeye ry'abakozi b'impuguke ni inzitizi ku iterambere ku nzego zose. Ibura ry' inzobere mu buhinzi n'ubworozi rituma uru rwego rutabasha gutera imbere, naho iry'abakozi b'inzobere mu bikorwa binyuranye by'iterambere ry'ubukungu ridindiza iterambere ry'imirimo y'inganda na serivisi. Kutamenya gusoma, kwandika no kubara bigira ingaruka zikomeye ku batuye imijyi n'ibyaro: Abanyarwanda 48% ntibazi gusoma no kwandika (Imibare yo muri 2000). Biragoye guhangana n'iki kibazo kubera ubwinshi bw'indwara z'ibyorezo nka malariya na SIDA bigabanya umusaruro w'abaturage cyane cyane iyo zibafatanije n'indyo nkene.

(vi) Imyenda ya Leta

Umwenda wa Leta y'u Rwanda ni inzitizi ikomeye ku iterambere ry'ubukungu bw'igihugu. Umwenda wa Leta ugizwe n'amafaranga akabakaba miliyari imwe n'igice (1.5) y'amadolari y'amanyamerika, ukaba uruta kure umusaruro rusange w'igihugu (GDP) ungana na miliyari imwe na miliyoni magana atatu (1.3) z'amadolari y'amanyamerika (Imibare yo muri 2000).

Hafi 75% by'umwenda wa Leta byavuye muri Banki y'isi n' ibindi bigega mpuzamahanga. Uyu mwenda waragiye urirundarunda ugera ku bipimo birenze ubushobozi bw'u Rwanda bwo kubona amikoro akenewe ngo rwishyure. Kugira ngo u Rwanda rugere ku gipimo cy'umwenda kijyanye n'ubushobozi bwarwo kandi bidahungabanije imigambi y'iterambere ry'igihugu, bizategereza umwaka wa 2015. Nyamara, gukomeza kuvanirwaho imyenda no kubona inkunga zitishyurwa bizaguma gukenerwa, byibura mu gihe gicirirtse, kandi kongera ku buryo bugaragara umusururo ukomoka ku bicuruzwa byoherezwa mu mahanga ni inkingi ikomeye izatuma u Rwanda rutazongera kugira umwenda ururemereye.

(vii) Ingaruka za Jenoside ku mibereho y'abaturage n'ubukungu

Jenoside yo muri 1994 yashegeshe ubukungu bw'u Rwanda n'abaturage barwo. Umusaruro rusange w'igihugu (GDP) wagabanutseho icya kabiri mu gihe cy'umwaka umwe gusa ; 80 ku ijana by'abaturage bahinduka abakene, imirima myinshi ironorwa n'amatungo menshi araribwa. Jenoside yononnye kandi bikabije ibikorwa by'amajyambere bitari bike byariho mbere ya 1994. Ibikorwa remezo byariho, byari bisanzwe ari ntabyo, byarashenywe neza neza maze igihugu gitakaza abarimu babyigiye, abaganga, abakozi ba Leta na ba Rwiyemezamirimo. Nguko uko ingaruka za jenoside zashegeshe ireme ry'imibereho myiza, irya politiki n'iry'ubukungu bw'u Rwanda. Tudashimangiye ubwiyunge bw'Abanyarwanda ngo tugire umutekano na politike bihamye, abashoramari ntibazigera bagirira icyizere u Rwanda.

3. Intego z'ingenzi z'Icyerekezo 2020

Icyerekezo 2020 kigamije guhindura rwose u Rwanda rukaba igihugu cy'umutungo ucirirtse mu mwaka wa 2020. Ibyo bisaba kugera ku mutungo w'amadolari y'amanyamerika 900 kuri buri muturage ku mwaka (akava kuri 220 mu mwaka wa 2000); kugabanya ikigereranyo cy'abakene kikava kuri 60.4% kikagera kuri 30% n'icyizere cyo kurama kikava ku myaka 49 kikagera ku myaka 55 (Umugereka 1 urerekana, ku buryo burambuye, ivugururwa twizeye kugeraho)

Kubera ubuke bw'umutungo kamere w'u Rwanda ni ngombwa kumenya guhitamo ibikorwa biremereye kurusha ibindi no kugaragaza uburyo bigomba gukurikirana mu ishyirwa mu bikorwa. Iki gika cyerekana ibigomba gukorwa mu gihe cya vuba, igicirirtse n'ikirambye hakurikijwe ubusumbane bw'uburemere bwabyo. Kiragaraza kandi ubufatanye n'ubwuzuzanye hagati ya politike zinyuranye mu iterambere. Urugero twatanga ni nk'uko iterambere ry'inganda na serivisi ridashobora kugerwaho mu gihe hatariho ubumenyi buhagije kandi buha amahirwe abarusha abandi bwunganiwe n'ibikorwa remezo n'imirimo ijyanye na serivise z'imari.

Mu gihe cya vuba, ibibazo bikomeye birebana no kuzahura ubukungu bw'igihugu, kugabanya uruhare rw'imfashanyo z'amahanga no kongera ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga bizitabwaho by'umwihariko. Igika gikurikira kirerekana uburyo bizashyirwa mu bikorwa.

3.1. Igihe cya vuba : Kubaka ubukungu rusange butajegajega no kongera umutungo hagamijwe kugabanya uruhare rw'imfashanyo

U Rwanda ruzashyiraho politiki yo kubungabunga ubukungu ku buryo abikorera babona urubuga rubanogeye rwo gukoreramo. Izi ngamba zunganiwe no kwagura ibikorwa by'ubukungu bw'igihugu utaretse no kongera ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga, ni bwo buryo bwonyine bwo kugabanya kubeshwaho n'imfashanyo.

Ubusumbane mu bipimo by'ubukungu bwagaragajwe mu mbonerahamwe ya 1 ni bwo soko y'ihungabana ry'ubukungu ari na ryo ryatumye igihugu gikomeza kungikanya imyenda no kwiyambaza imfashanyo z'amahanga. Kugira ngo u Rwanda rureke gukomeza gucungira ku mfashanyo z'amahanga, ni ngombwa gushyiraho ingamba zihamye zo kongera ibikorwa by'ubukungu bibyara imisoro, kureshya abashoramari b'abanyamahanga no gucunga neza ikibazo cy'imyenda. Ikindi kizitabwaho ni ukuvugurura no kongera ibikorwa by'ubukungu bitari ibya gakondo bibyara umusaruro ucuruzwa mu mahanga, bityo hagakosorwa amakosa yakunze kugaragara muri politiki y'ubucuruzi n'amahanga.

Politiki igamijwe ndetse yanatangiye gushyirwa mu bikorwa mu bice bimwe byayo, ishingiye kuri ibi bikurikira: kureka umucuruzi n'umuguzi bakiyumvikanira ku giciro, kwegurira ibigo bya Leta Abikorera, kuvugurura uburyo bwo gusoresha, kuvunja amafaranga no gutanga inguzanyo z'amabanki hakurikijwe imiterere y'isoko. Leta izareka gukora ibyo abikorera bashobora gukora neza kuyirusha ahubwo ishyireho urubuga rutsura umuco wo gupiganwa. Kubera iyi politiki, ubukungu bw'igihugu buzagira ubushobozi bwo kwiyubaka bukava ku rwego rw'ubuhinzi bw'amaburakindi ahubwo bukubakira ku bumenyi n'ubuhanga byo mu rwego ruhambaye.

3.2. Igihe gicirirtse : Guhindura ubukungu bushingiye ku buhinzi bukaba ubushingiye ku bumenyi

N'ubwo ubuhinzi bw'u Rwanda bwahinduka kubera gukoresha inyongeramusaruro ku rwego rwo hejuru, ntibwaba buhagije bwonyine kugira ngo bube imbarutso ishimishije y'ubwiyongere bw'ubukungu n'irindi terambere iryo ari ryo ryose. Hagomba kubaho ingamba z'ingoboka kugira ngo igihugu kireke kubeshwaho n'ubuhinzi ahubwo kinite ku mirimo y'inganda na serivisi. Ikibazo ariko si ugupfa gushyiraho ingamba zishingiye ku buhinzi cyangwa izishingiye ku nganda na serivisi, ahubwo ni ugusesengura hakarebwa ibikorwa u Rwanda rwagiramo akarusho ku bindi bihugu akaba ari byo byashyirwamo imbaraga. Urugero ni uko kuba hari abakozi benshi badahenze bari mu Rwanda, rukagira abaturage benshi bazi indimi nyinshi, rukaba ahantu heza h'ihuriro ry'abava muri Afurika yo hagati bajya mu y'uburasirazuba, na kwa kuba ruto kwarwo gutuma ibikorwa remezo byubakwa ku buryo bworoshye kandi buhendutse. Inganda zo mu gihugu zagombye kwibanda ku bicuruzwa byabona isoko haba imbere mu gihugu no hanze yacyo.

Ku birebana na serivisi, mu gihe gicirirtse n'ikirambye, uru rwego rwafatwa nk'inkingi ikomeye y'ubukungu bw'u Rwanda. Kubera ko u Rwanda ruri kure y'inyanja ntirugire umutungo kamere uhagije, Leta igomba gufata iya mbere mu guteza imbere politiki ishyigikira ishoramari muri serivisi kugira ngo rubone kandi rugumane akarusho muri serivisi zinoze mu rwego rw'akarere.

Icyakora birumvikana ko ishyirwaho ry'izi politiki ryonyine ridahagije kugira ngo hubakwe bwa bukungu bushingiye ku bumenyi. Ishoramari rihagije mu bikorwa remezo nk'ingufu, amazi, itumanaho no gutwara abantu n'ibintu ni ngombwa kugira ngo ibiciro bigabanuke kandi hagati aho agaciro no kwizerwa byiyongere. Kongerera agaciro urwego rw'uburezi n'urw'ubuzima bizaba ngombwa kugira ngo haboneke abakozi bashoboye umurimo kandi batanga umusaruro.

Ishusho ya 1 : Uko inzego z'ingenzi z'ubukungu zigomba guhinduka (2000-2020)



3.3. Igihe Kirambye: Kugira icyiciro cy'abaturage benshi bari mu bikorwa byongera ubukungu no guteza imbere ubushobozi bwo kwihangira imirimo

Inzira y'iterambere n'ibikorwa byo kugwiza umutungo ntibishobora - mu gihe kirekire - kugerwaho na Leta yonyine kabone n'iyo yunganiwe n'amafaranga atangwa n'abaterankunga. N'ubwo bwose bombi bagomba kubigiramo uruhare, inkingi ikomeye y'icyo gikorwa igomba gushingira ku mubare mwinshi wa ba Rwiyemezamirimo b'abanyarwanda bari mu bikorwa by'ubukungu bicirirtse binyuranye. Umuco wo guhanga imirimo ibyara inyungu ugomba gutezwa imbere kugira ngo ukomeze kuba imbarutso yo kongera ubukungu, guhanga imirimo no kunoza imikorere hashyizwe imbere gushakisha inyungu.

Gukebura abikorera, by'umwihariko mu birebana no kongera ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga bikagira ubushobozi bwo guhangana n'ibikorerwa mu bindi bihugu, ntibya zashoboka hatabaye ho kwagura no gushimangira urwego rw'imari, urw'amabanki, urw'ubwishingizi n'urw'ikoranabuhanga mu itumanaho. Kubonera igihugu abaturage bafite ubumenyi bwo mu rwego rwo hejuru cyane cyane mu bijyanye n'ikoranabuhanga bizaba ngombwa kugira ngo hashimangirwe inyungu z'iterambere zizaba zagezweho uhereye mu gihe cya vuba ndetse no mu gihe giciriritse.

U Rwanda rugomba gufata inzira iruganisha ku kuba rwagira isoko rwihariye mu rwego rw'akarere nko kuba rwahinduka isangano ry'itumanaho. Biteganijwe ko hamwe n'izo mpinduramatwara, u Rwanda ruzahinduka cyane, rukava mu bukungu bushingiye ku buhinzi bw'amaburakindi maze rukaba igihugu gishingiye ku bumenyi, gifite ba Rwiyemezamirimo bakerebutse. Igika gikurikira kirerekana inzira n'intambwe z'ingenzi izi mpinduka zizanyuramo.

4. Inkingi z'Icyerekezo 2020

Igika cya 3 cyavugaga muri rusange uko ibikorwa binyuranye bizakurikirana. Muri iki hakubiyemo ingingo shingiro z'Icyerekezo 2020 zavuzwe, buri yose ukwayo. Ibigamijwe mu Cyerekezo 2020 bikubiye mu nkingi 6 zihuzwa n'imbariro 3. Iki gika rero kikaba kirebera hamwe inkingi, naho imbariro zazo tukazisanga mu gika cya 5 gikurikira iki.

Imbonerahamwe ya 2: Inkingi z'Icyerekezo 2020 n'imbariro zizihuza

Inkingi z'Icyerekezo 2020	**Imbariro z' Icyerekezo 2020**
1. Ubuyobozi bwiza na Leta ifite ubushobozi	1.Uburinganire bw'abagore n'abagabo 2. Kubungabunga Ibidukikije no gucunga neza umutungo kamere 3. Ubumenyi n' ikoranabuhanga, harimo ikoranabuhanga mu itumanaho (ICT)
2. Iterambere ry'ubukungu bushingiye ku bantu bafite ubushobozi no ku bumenyi	
3. Iterambere rishyigikiwe n'abikorera	
4. Iterambere ry'ibikorwa remezo 5. Iterambere ry'ubuhinzi bugamije inyongeragaciro kandi burangamiye isoko	
6. Kwinjira mu rusobe rw'ubukungu rwo mu Karere n'urwo mu rwego mpuzamahanga	

4.1. Ubuyobozi bwiza na Leta ifite ubushobozi

U Rwanda ruzahinduka igihugu giteye imbere, cyunze ubumwe kandi gitengamaye gishingiye ku byiza biri mu muco wacyo. Igihugu kizugururira amahanga amarembo yacyo hatibagiwe Abanyarwanda baba mu mahanga. Abanyarwanda bazaba abantu basangiye icyerekezo kimwe cy'ejo hazaza kandi biteguye gutanga umusanzu wabo kugira ngo ubusabane mu mibereho myiza, ubutabera no kunganya amahirwe bishinge imizi.

U Rwanda rwiyemeje kuba Leta ifite ubushobozi, irangwa no kubaha amategeko ashyigikiye kandi arinda abenegihugu bose nta vangura. Leta ihora itekereza uburenganzira bw'abatuye igihugu, ubumwe n'imibereho myiza byabo; Leta kandi ikomeza igihugu igashimangira umutekano wacyo.

Impinduka zikenewe mu rwego rw'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage ntizishoboka mu gihe Leta yaba idafite ingufu n'ubushobozi bihagije. Mu by'ukuri, uruhare rwa Leta ni ngombwa kugira ngo habeho iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza. Nyamara muri ino minsi ubushobozi bucye bwa Leta y'u Rwanda butuma izo mpinduka zitagerwaho. Ibyo bikaba bituma ari ngombwa kwihutisha iterambere hiyambazwa abantu b'impuguke mu nzego za Leta bakanunganira n'izindi nzego cyane cyane urw'abikorera, maze bagafasha gutekereza no gushyira mu bikorwa politiki n'ingamba biboneye. Mu magambo make, igihugu gikeneye inzego za Leta zikoresha abantu bake ariko bakora neza ku buryo bifasha u Rwanda kuba igihugu gifite ijambo mu ruhando rw'amahanga mu rwego rw'ubukungu.

Leta izibanda ku guteza imbere imiyoborere myiza irangwa no gukorera mu mucyo, gusobanurira rubanda ibyo ukora no gukorana umwete mu gucunga neza ibya rubanda. Ibyo bivuga kandi Leta yubaha inzego z'ubuyobozi bwishyiriweho n'abaturage, ikubahiriza amategeko ndetse ikabungabunga uburenganzira bwa muntu by'umwihariko.

Uruhare rw'abaturage mu nzego z'ibanze ruzashyigikirwa mu nzira yo kwegereza ubuyobozi abaturage, ibi bikazatuma izo nzego zishobora gufata ibyemezo abaturage bagizemo uruhare, bityo bakabasha kubonera ibisubizo ibibazo bibaremereye kurusha ibindi.

Gusana u Rwanda n'imibanire myiza y'abarutuye bishyigikiwe n'imiyoborere myiza ishimangiwe na Leta ifite ubushobozi, bifatwa nk'ikintu cy'ibanze kitagomba kubura kugira ngo iterambere riboneye ry'izindi nkingi ribaduke[4].

4.2. Iterambere ry'ubukungu bushingiye ku bantu bafite ubushobozi no ku bumenyi

Uretse kuvuga imibereho myiza y'abaturage muri rusange, iterambere mu rwego rw'uburezi n'urw'ubuzima rirakenewe mu kubaka imbaraga n'ubushobozi by'abakozi babasha gutanga umusaruro utubutse. Ibi bikaba ari ingenzi kugira ngo u Rwanda rugire ubukungu bwo mu rwego rwo hejuru bushingiye ku bumenyi.

(i) Uburezi

U Rwanda rwiyemeje kugera ku "Burezi bwa bose", iyi ikaba ari imwe mu ntego zikomeye z'iterambere ry'ikinyagihumbi. Nyamara, hakenewe bigaragara kwigisha no guhugura abaturage ku nzego zose: amashuri abanza, ayisumbuye n'amakuru na za Kaminuza; by'umwihariko hakazirikanwa ku gaciro k'inyigisho zitangwa. Aka gaciro kari karagabanutse kubera ahanini

[4] Nyamara, nta tuzahwema gutsindagira ko za nkingi 6 n'imbariro 3 bigomba kudasigana– ibi bikubiye mu gika cya 3.

abarimu badafite ubushobozi, bityo rero Leta ikaba izategura gahunda zifite ireme zo kwigisha no guhugura abarimu.

Hazibandwa cyane ku nyigisho z'imyuga na tekiniki mu rwego rw'ikoranabuhanga, gukora, gukoresha no gukanika imashini zikoreshwa mu mirimo itandukanye irimo n'iy'inganda, no mu icungamutungo. Ibi bizareba cyane cyane amashuri yisumbuye, ariko bizanareba n'ibindi byiciro binyuranye by'abaturage (hazibandwa by'umwihariko ku rubyiruko no ku bari n'abategarugori). Mu rwego rwo gushyigikira iterambere ry'ubushobozi bw'abantu, gahunda zo gutanga inguzanyo zicirirtse zizitabwaho ku buryo bwihariye kugirango zifashe abanyabwenge bakiri bato mu kwihangira imirimo. Umwihariko udasanzwe uzaba kuri ba rwiyemezamirimo bazajya bihangira ibikorwa bito bito. Mu rwego rwo gushimangira ubushobozi bukenewe kugira ngo umuntu abashe kugera ku ntego yiyemeje no guhora hongerwa ubumenyi n'ubushobozi ubutitsa, gahunda zihariye zizasakazwa mu nzego za Leta hagamijwe amahugurwa atangwa n'ibigo byabugenewe.

U Rwanda rwarakererewe mu nyigisho z'imyuga, bityo icyuho kinini kikaba kigaragarira mu guhuza ubumenyi bw'abantu n'imirimo bakora cyane cyane mu buhanga no mu ikoranabuhanga mu itumanaho (ICT). N'ubwo igihugu gikomeza kugendera ku ikoranabuhanga kirahura mu bihugu byateye imbere, abana bacyo bize bakanazobera bazaba bakenewe kugirango bayobore kandi babungabunge umusingi w'ikoranabuhanga kuva mu rwego rw'ubuvuzi kugera ku buhinzi unyuze mu nganda n'itumanaho.

Kugira ngo Icyerekezo 2020 kigerweho, bizaba ngombwa cyane guhuza politiki y'uburezi n'iterambere ry'inzego zose hamwe na politiki y'umurimo. Ni ngombwa cyane kumva ko ishoramari rikenewe mu iterambere ry' urwego rw'inganda n'urw'imirimo ritazagira icyo rigeraho nta bakozi b'inzobere bahari.

(ii) Ubuzima n'ibibazo bijyanye n'ubwiyongere bw'abaturage

Kuri ubu abaturage b'u Rwanda bagera hafi miliyoni umunani, ubucucike bukaba buri mu buri hejuru kurusha ahandi muri Afurika n'ubwiyongere bw'abaturage na bwo buri hejuru cyane, hafi 3% ku mwaka (imibare yo mu mwaka wa 2000). Ibi ni imwe mu mpamvu zikomeye z'igabanuka ryihuse ry'umutungo kamere bikanagira n'ingaruka z' ubukene n'inzara. Umuvuduko w'ubwiyongere bw'abaturage uterwa n'ibintu byinshi birimo: (1) uburumbuke bw'abagore buri hejuru, bukaba bujyanirana (2) n'umuco wo gukunda kubyara abana benshi, (3) ukugabanuka kw'imfu z'abana (4) n'ukw'abaturage bapfa muri muri rusange, bitewe n'ibihe n' imiterere y'aho abanyarwanda batuye hatarangwa ibyorezo bikunze kuzonga abaturage.

U Rwanda rufata abaturage barwo nk'umutungo w'imena kandi rukaba rwariyemeje kubashoramo ingufu kugira ngo babe ari bo shingiro ry'iterambere. Urebye intambwe igenda iterwa mu micungire ya politiki y'ubwiyongere bw'abaturage, u Rwanda rurateganya kugabanya ikigereranyo cy'imbyaro ku munyarwandakazi, mu myaka 20, kikava ku bana 6 kikagera kuri 4,5 no kugabanya umuvuduko w'ubwiyongere bw'abaturage ukagera kuri 2,2% ku mwaka.

N'ubwo bwose ubuzima bw'abaturage b'u Rwanda bwagiye burushaho kuba bwiza mu myaka ishize, uko bumeze ubu ntibishimishije cyane. Ubwiganze bwa malariya buri ku gipimo cya 40% z'indwara by'abisuzumisha kwa muganga, naho ubw'ubwandu bw'agakoko gatera SIDA buhwanye na 13% by'abaturage bose, ibi bikaba ari inzitizi zikomeye ku bukungu bw'igihugu.

Intego zigamijwe mu myaka 20 iri imbere mu rwego rw'ubuzima zirimo: kugabanya umubare w'abana bapfa bakivuka ukava ku bana 107 ku gihumbi ukagera ku bana 50 ku gihumbi no

kugabanya umubare w'ababyeyi bapfa babyara ukava kuri 1070 ku nda ibihumbi ijana zavutse ukagera ku babyeyi 200 ku nda ibihumbi ijana. Imyaka yo kurama izazamuka ive ku myaka 49 igere ku myaka 55; malariya n'izindi ndwara z'ibyorezo zizahashywa n'ubwandu bwa SIDA bumanuke buve kuri 13% bugere ku 8%.

Kugira ngo ibyo bigerweho, politiki y'ubuzima igomba kwibanda ku baturage bakennye kurusha abandi bakoroherezwa kuvurwa, bakakirwa neza n'abaganga, bakabona imiti kandi bakagabanyirizwa ibiciro. Kuboneza imbyaro ni ngombwa kugira ngo umubare w'abana bavuka n'ubwiganze bw'icyorezo cya SIDA bigabanuke. Politiki y'ubwiyongere bw'abaturage igomba guhuza n'ingamba ziteganijwe kugira ngo zibashe guhangana n'ibibazo bigaragara mu rwego rw'ubuzima. Koko rero, ubukene buhora ari imvano y'ubuzima bubi nk'uko ubuzima bubi nabwo ari impamvu itoroshye y'ubukene.

4.3. Iterambere rishyigikiwe n'abikorera

Kugira icyiciro cy'abikorera bafite ingufu ku buryo basimbura Leta mu bikorwa bimwe na bimwe ni moteri ya ngombwa y'izamuka ry'ubukungu n'iterambere ry'u Rwanda. Hamwe n'uko hazabaho iterambere ry'ubukungu, ibi bizaba imbarutso yo kugira abanyarwanda bari ku rwego ruciriritse rwa ba rwiyemezamirimo bazafasha guteza imbere no gushimangira amahame ya Demokarasi. N'ubwo bwose igihugu kirangamiye ishoramari ritaziguye ry'abanyamahanga, uruhare rwa ba rwiyemezamirimo b'abanyarwanda ruzaguma kuba ngombwa mu iterambere.

Leta y'u Rwanda izagenda ireka gukora imirimo bigaragara ko ba rwiyemezamirimo bashoboye. Leta ikaba yariyemeje politiki yo kwegurira abikorera ibigo byayo n'imigabane ifite mu bigo by'ubucuruzi; iyi politiki ikazafasha mu kugabanya ibiciro no gutanga urubuga rwagutse rwo guhitamo ku baguzi. Leta izakora nk'umuhwituzi ureba ko ibikorwa remezo, ubushobozi bw'abantu n'ibijyanye n'amategeko bibereye ku buryo byoroshereza ishoramari ry'abikorera.

Iterambere ry' urwego rw'imari rizaba ngombwa cyane cyane ko ritigeze rizamuka kandi ritahujwe n'ibikenewe mu bukungu bw'igihugu. Uru rwego rw'imari rugomba gushobora kubona amafaranga ya ngombwa yo gutera inkunga ibikorwa bigamije iterambere ry'abikorera. Leta izashyigikira kandi ubucuruzi bw'imbere mu gihugu itunganya ahantu hujuje ibya ngombwa nkenerwa ho gutunganyiriza umusaruro w'ibikorerwa mu gihugu ku buryo n'abanyemari b'abanyamahanga bakwitabira gufatanya na bagenzi babo b'abanyarwanda.

Iterambere ry'urwego rw'abikorera ntirizagarukira ku bikorwa bihambaye gusa. Icyiciro cy'abakora imirimo icirikiritse kizatezwa imbere na cyo; aha twavuga nk' icyiciro cy'abadandaza, amagaraji, abanya bukorikori n'abandi.

Umwihariko udasanzwe uzashyirwa ku guhanga imirimo. Mu myaka 40 y'ubukoloni, ubukungu bw'u Rwanda bwashoboye guhanga imirimo 200.000 yonyine hanze y'iyo mu buhinzi. Mu gihe ibikorwa bijyanye no kuboneza imbyaro bizagenda birushaho kuzana impinduka nziza, hateganijwe ko abaturage batazarenga miliyoni 13 mu mwaka wa 2020, muri bo miliyoni 7 bazabeshwaho n'indi mirimo itari iy'ubuhinzi. Bityo rero, bizaba ngombwa guhanga imirimo itari iy'ubuhinzi miliyoni imwe n'ibihumbi magana ane (1.400.000). Duhereye ku mateka yaranze ubukungu bw'u Rwanda mu myaka ishize, birabonekaka ko iki ari ikibazo cy'ingorabahizi, urwego rw'abikorera rugomba kubonera igisubizo.

4.4. Iterambere ry'ibikorwa re mezo

Gusana no guteza imbere ibikorwa remezo ni ingenzi mu kugabanya ikiguzi cyo gukora ubucuruzi mu Rwanda; bityo bikareshya abashoramari, baba abo mu gihugu ndetse n'abo mu mahanga.

(i) Imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka

Imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka ni inkingi ikomeye y'ibanze mu iterambere ry'u Rwanda. Bishingiye ku ibura rikomeye ry'ubutaka, gahunda iboneye y'imicungire yabwo izaba ngombwa kugira ngo habeho kububyaza umusaruro mwinshi mu iterambere ry'imijyi n'iry'ibyaro. Muri iki gihe, ubutaka bw'u Rwanda bukoreshwa mu buryo budatanga umusaruro uhagije kandi budashobora no kuramba; ibyo bikagabanya inyungu z'ibibukomokaho n'iz'ibikorwa remezo ari na ko bigabanya ubushobozi bw'igihugu bwo gucunga neza amazi y'imvura. Mu rwego rwo guhangana n'iki kibazo, itegeko rigenga ubutaka kandi ryizeza abantu uburenganzira n'ubwisanzure ku mutungo w'ubutaka ni ngombwa.

U Rwanda ruzakomeza politiki iboneye y'imidugudu ishingiye ku bikorwa by'ubukungu. Imidugudu yo mu cyaro izagezwaho ibikorwa remezo kugira ngo ihinduke ahantu hashobora gukorerwa ibikorwa by'ubukungu. Ubu buryo bushya bw'imiturire buzaba imbarutso y'iterambere ry'imirimo itari iy'ubuhinzi ibyara inyungu. Isaranganywa ry'ubutaka rizanonosorwa kugira ngo haboneke ubutaka bwo gukorerwaho ubuhinzi n'ubworozi bya kijyambere ku buryo burambye.

(ii) Iterambere ry'imijyi

Mu Rwanda imiturire mu mijyi iracyari hasi ariko iragenda ku muvuduko wihuse. Iyi miturire yakunze gukorwa huti huti mu kajagari ku buryo ibikorwa remezo nkenerwa mu rwego rw'imibereho myiza y'abaturage no guhanga imirimo byasigaye inyuma cyane. Mbere y'umwaka wa 2010, buri mujyi ugomba kuba ufite igishushanyo mbonera cyawo na gahunda inoze y'imicungire y'ubutaka byagiye bihuzwa n'igihe. U Rwanda ruzateza imbere ibikorwa remezo by'ibanze mu mijyi n'ahandi hateganirijwe ibindi bikorwa by'iterambere kugira ngo ahantu ho guhinga hitarure. Ikigereranyo cy'abatuye imijyi kiziyongera bave kuri 10% (2000) bagere kuri 30% mu 2020 (bivuye kuri 5% mu mwaka w'1995). Ikinyuranyo hagati y'umusaruro w'abatuye mu mijyi n'uw'abatuye mu byaro kizakomeza kuba ku kigero kiringaniye kubera ko ibikorwa byubukungu bimwe na bimwe bizaba byegerejwe abaturage.

(iii) Ubwikorezi

U Rwanda ni igihugu kiri kure y'inyanja bikagira ingaruka ku biciro by'ubwikorezi ugana ku byambu bya Kenya na Tanzaniya. Kubera iyo mpamvu rero, ni ngombwa gutekereza byihutirwa ku bundi buryo buhendutse bwo gutwara ibintu n'abantu kugera ku nyanja, nko kubaka umuhanda wa Gari ya Moshi ihuza u Rwanda n'iya Isaka muri Tanzaniya n'indi yasanganira iyo muri Uganda. Inzira ya gari ya moshi yakunganirwa n'ubwikorezi bwo mu mazi, ishobora guhuza u Rwanda na Gari ya Moshi ya Banguela (muri Angola) na yo ikwiye gutekerezwaho. Byongeye kandi, ikibuga cy'indege cya kabiri gifite ubushobozi bunini gishobora kuba isangano ry'akarere k'Ibiyaga bigari kizubakwa. Ku bireba isoko ry'imbere mu gihugu, u Rwanda rufite imihanda myiza izakomeza kwagurwa no gufatwa neza.

(iv) Itumanaho n'ikoranabuhanga mu itumanaho (ICT)

Itumanaho mu Rwanda riri ha si cyane. Ishingiye ku buto bw'igihugu, ku bucucike bw'abaturage no ku rurimi rukoreshwa na bose, Politiki y'itumanaho izabasha kureshya abashoramari kugira ngo ibikorwa byo muri uru rwego byegurirwe abikorera. U Rwanda rurateganya ko mbere y'umwaka wa 2020 buri rwego rw'ubuyobozi, buri kigo cy'amashuri yisumbuye no mu bitari bike by'abanza hazaba hageze umuyoboro wa "***internet***". Itumanaho rikoresha telefoni rizihutishwa mu byaro kandi imirimo ya Leta izarushaho kwihuta kubera isakazwa ry'umuyoboro wa ***"internet"*** uhuza inzego zose za Leta ari wo ***"e-government"***.

(v) Ingufu

Ikwirakwizwa ry'ingufu z'amashanyarazi ritanoze kandi rihenze ni inzitizi ikomeye ku majyambere. Abanyarwanda bagera kuri 99% baracyakoresha ingufu zitangwa n'inkwi. Ibi bikagira ingaruka zikomeye ku kwangiza amashyamba binagira ingaruka mbi ku butaka. Ibicuruzwa bikomoka kuri peteroli biva hanze bitwara amafaranga arenze 40% y'ibicuruzwa u Rwanda rugura mu mahanga. U Rwanda rukaba rero ruzongera umusaruro w'ingufu kandi runyuranye amoko y'ingufu zishobora gukoreshwa.

Kugira ngo rubishobore, u Rwanda rufite imigezi ishobora kubyazwa amashanyarazi, tutirengagije ***"Gaz Methane"*** nyinshi yo mu kiyaga cya Kivu bavuga ko ingana na miliyari 60 za metero kibe (m^3).

Mu cyaro, ingufu zituruka ku mirasire y'izuba zishobora gukoreshwa ndetse biranashoboka gucukura kugeza kuri 1/3 cya miliyoni 155 z'amatoni ya nyiramugengeri dufite mu butaka. U Rwanda ruteganya ko, mbere y'umwaka wa 2020, nibura 35% by'abaturage bazaba bafite amashanyarazi (bavuye kuri 2% mu mwaka wa 2000) ku buryo ikoreshwa ry'inkwi ryagabanuka rikava kuri 94% rikagera kuri 50%.

(vi) Amazi

Imibare yo muri 2000 igaragaza ko abanyarwanda 52% bonyine ari bo babona amazi meza. Amazi akoreshwa ku munsi abarirwa ku malitiro 8,15 ku muntu mu cyaro; bikaba biri kure y'abarwa mu rwego mpuzamahanga angana na litiro 20. Nyamara igihugu gifite amazi menshi ashobora gukoreshwa cyangwa gukenerwa mu buhinzi. Ibi birimo imvura zihagije (hagati ya milimetero 900 na milimetero 1800 ku mwaka), ibiyaga, inzuzi n'imigezi byinshi. Hari kandi amazi menshi mu misozi miremire yo mu Burengerazuba bw'igihugu ashobora gukoreshwa akuruwe akagezwa mu turere tw'Amajyepfo n'utw'Amajyepfo y'Uburasirazuba tuzwiho kubura amazi.

Kugirango intego zijyanye n'ibirebana n'amazi zigerweho, nk'uko zerekanwa mu Cyerekezo 2020, igihugu kizagomba kongera umubare w'abantu babona amazi meza ho 2,5% buri mwaka kugira ngo abanyarwanda bose bazabe bafite amazi anyobwa mbere ya 2020.

(vii) Icunga ry'imyanda

Uburyo bwo kuyobora amazi yanduye akoreshwa mu ngo bugera kuri 85% by'abaturage naho 64% y'imisarane ntiyujuje ibya ngombwa by'ibanze mu rwego rw'isuku. Gukoresha amazi yanduye ni inkomoko nini y'indwara z'ibyorezo zikwirakwizwa n'umwanda utembanwa n'ayo mazi. Imyubakire yo mu mijyi mu kajagari nta buryo bubereye bwo kuyobora amazi mu miyoboro yabugenewe byongera ibibazo by'ubuzima. Uburyo budafashije bwo kuyobora amazi akoreshwa mu ngo iyo bwiyongereyeho amazi y'imvura atarateganyirijwe inzira byangiza imihanda cyangwa bigatera ibidendezi maze bikarema indiri z'indwara z'ibyorezo byibasira abantu n'amatungo.

Kubera ko inyubako nyinshi zubatse mu mpinga no mu mabanga y'imisozi, amasoko y'amazi aba ashobora kwanduzwa buri gihe n'imiyoboro y'amazi yo mu ngo iba itari myiza n'ibindi bikorwa by'abantu byanduza amazi. Biragaragara ko abantu bubaka batabanje gutekereza ku ngaruka icunga ribi ry'imyanda rigira ku bidukikije. Mbere y'umwaka wa 2020, abatuye mu byaro no mu mijyi bagomba kuzaba bafite uburyo buhagije bwo kuyobora no gucunga amazi yanduye. Buri mujyi ugomba kugira ibya ngombwa bisabwa kugirango ibishingwe bitunganywe. Abaturage bazaba barazobereye mu bijyanye n'isuku n'isukura ku buryo bazajya babyikorera.

4.5. Ubuhinzi bw'inyongeragaciro bushingiye ku isoko

Kuva u Rwanda rubonye ubwigenge, politiki y'ubukungu yarwo iboneka nk'iyubakiwe ku buhinzi nka moteri y'ingenzi y'izamurabukungu. Nyamara urwego rw'ubuhinzi rwakomeje kugira ibigwi bike bitewe n'uburumbuke bwagiye bugabanuka aho kwiyongera. Bizaba ngombwa gutegura no gushyira mu bikorwa politiki y'iterambere ihindura imyumvire y'ubuhinzi bw'irenzamunsi yataye agaciro.

Ikibazo cy'ingutu kidindiza iterambere ry'ubuhinzi bw'u Rwanda ntigishingiye ku butaka buto nk'uko abenshi babyemeza, ahubwo ni uburumbuke buke bujyanye n'imihingire y'irenzamunsi ikorwa mu buryo bwa gakondo. Icyerekezo cya politiki y'ubuhinzi kigomba kuvugururwa kugira ngo hatezwe imbere ubuhinzi bubyara umusaruro mwinshi ku buryo ubwiyongere bwawo buva kuri 4,5% bukagera kuri 5% buri mwaka. Ibi bishobora kugerwaho binyujijwe mu bihingwa bifite inyongeragaciro iri hejuru no gucunga ubworozi mu buryo bwa gihanga bugezweho. Icyerekezo kigamije gusimbuza ubuhinzi bw'ingandurarugo urwego rw'ubuhinzi buzanira nyirabwo amafaranga kandi bugamije umusaruro wo gucuruza mbere y'umwaka wa 2020.

Iby'ingenzi politiki ikwiye kwitaho vuba kurusha ibindi kugira ngo iri hinduka ribe ni ibi bikurikira :

- Kuvugurura amategeko no kubaka inzego kugira ngo habeho umutekano n'ubwisanzure ku mutungo ujyanye n'ubutaka;
- Guteza imbere imicungire y'umutungo ujyanye n'ubutaka nk'igishoro mu bikorwa by'amajyambere;
- Gukora ubushakashatsi bugamije kongera umusaruro n'imirimo mu rwego rw'ubuhinzi;
- Gushora imari mu bikorwa remezo byo mu cyaro;
- Guhitamo no gukoresha imbuto zitanga umusaruro mwinshi mu buhinzi harimo no gukoresha ifumbire;
- Guteza imbere inganda zishingiye ku buhinzi;
- Gushyira mu bikorwa ibyemezo byo kubungabunga ibidukikije kugira ngo ikendera ry'uburumbuke bw'ubutaka rirangire;
- Kunoza uburyo bwo kugeza inguzanyo mu byaro no gutunganya amasoko y'umusaruro.

Nk'uko byavuzwe haruguru, ingamba z'iterambere ry'ubukungu zisaba ibintu binyuranye bitari ibyo mu buhinzi gusa. Ubuhinzi buzatezwa imbere kugira ngo bubashe kubonera izindi nzego imirimo ibushamikiyeho nk'iyo mu nganda zitunganya ibiribwa, bityo iterambere ryabwo ryaguke rigere no mu zindi nzego z'ubukungu. Byongeye kandi, umuntu ashobora kwizera ko ibyavuzwe

haruguru bitareba ubuhinzi bwonyine ahubwo ko binashyigikira ubukungu bwo mu cyaro muri rusange.

4.6. Kwinjira mu rusobe rw'ubukungu rwo mu karere n'urwo mu rwego mpuzamahanga

U Rwanda rusanga kwinjira mu rusobe rw'ubukungu rwo mu karere ari kimwe mu bintu by'ingenzi bikenewe kugira ngo rugere ku Cyerekezo 2020. Kubera ibyo rero, bizaba ngombwa gushyiraho politiki y'ubwisanzure mu bucuruzi igabanya imisoro ya gasutamo n'izindi mbogamizi, inabasha kureshya ishoramari ritaziguye ry'abanyamahanga. Ikindi ni uko bikenewe cyane gushyiraho politiki ishyigikiye ipiganwa ry'inganda no mu bucuruzi bw'ibintu byoherezwa mu mahanga no gukunda guhanga imirimo aho gukingira ikibaba inganda zidafite ubushobozi bukwiye. Gushimangira ibikorwa by'ikoranabuhanga mu itumanaho (ICT) bizatuma inganda zo mu Rwanda zigira ubushobozi bwo gupiganwa n'izo mu mahanga.

Icyerekezo cyo kugera ku masoko yo mu karere yagutse kurushaho kizaherekezwa na gahunda y'ishoramari mu bikorwa remezo kugira ngo giteze imbere u Rwanda nk'isangano ry'itumanaho. Ikindi, u Rwanda rukwiye gushingira ku gace ruherereyemo maze rukaboneraho rugahinduka ikigega cy'ibicuruzwa biranguzwa mu karere. Gutunganya ahantu hagenewe inganda zitunganya ibyoherezwa mu mahanga byunganiwe n'amavugururwa azakorwa mu rwego rw'inganda yavuzwe haruguru, bizaha igihugu amahirwe yo gukomeza imbaraga zacyo mu rwego rw'itumanaho na serivisi kugira ngo gisingire inyungu zizagenda zizanwa n'izamuka ry'ubutwererane mu karere k'Ibiyaga bigari n'ak'Afurika y'Uburasirazuba.

5. Imbariro z'Icyerekezo 2020

Uretse za nkingi 6, Icyerekezo 2020 gifite imbariro eshatu (3) zihuza izo nkingi; izo mbariro ni: uburinganire bw'abagore n'abagabo, kubungabunga umutungo kamere n'ibidukikije, hamwe n'umuco, ubumenyi n'ikoranabuhanga. Izi mbariro zigira aho zihurira n'ivugururwa ry'ubukungu kandi zikagira uruhare rukomeye mu ishyirwa mu bikorwa ry'intego z'iterambere ry'Icyerekezo 2020.

5.1. Uburinganire bw'abagore n'abagabo.

Abagore bagize 53% by'abaturage b'u Rwanda kandi benshi muri bo batunzwe n'ubuhinzi bw'irenzamunsi kurusha abagabo. Ubusanzwe bagaburira umuryango bakanita ku bana babamenyera uburere bw'ibanze. Kugera vuba aha ariko abakobwa bari bake mu mashuri yisumbuye, abagore ntibageraga ku mahirwe ahabwa abagabo kandi bari bake mu nzego zifata ibyemezo. Kugira ngo u Rwanda rugere ku buringanire bw'abagabo n'abagore ruzibanda ku kuvugurura amategeko ashyigikira uburinganire bw'abagore n'abagabo. Ruzashyigikira uburezi kuri bose, rurandurane n'imizi ivangura iryo ari ryo ryose, rurwanye ubukene kandi rugire politiki y'umwitangirizwa uhabwa abagore. Uburinganire buzafatwa nk'urubariro ruhuza politiki zose z'iterambere.

5.2. Kubungabunga Umutungo kamere n'ibidukikije

Ikibazo cy'ingutu mu rwego rwo kubungabunga ibidukikije mu Rwanda ni ubusumbane buri hagati y'abaturage n'umutungo kamere (ubutaka, amazi, amashyamba, inyamaswa n'umutungo ushira byagiye bikendera mu myaka yashize). Iryo kendera riboneka mu itemwa ry'amashyamba ku bwinshi, igabanuka rikabije ry'ibinyabuzima binyuranye, isuri n'inkangu, imyanda ihumanya imigezi, inzuzi, n'ibiyaga n'ikendera ry'urusobe rw'ahantu h'ibinyabuzima h'amanegeka, nk'ibishanga.

Izamuka ry'ubwiyongere bw'abaturage rya 3% ku mwaka hagati y'1980 na 1990 ryarihuse kurusha umusaruro wo mu buhinzi wari 2,2%. Ibyo byatumye abantu batura ahatabigenewe bituma kandi ubutaka bukendera. Ibyo bibazo bijyanye n'ibidukikije bya huhuwe n'iyubakwa ry'inganda zimena imyanda yazo idatunganijwe mu migezi no mu biyaga. Kugira ngo u Rwanda rugire iterambere rirambye, ruzakoresha ubuhanga bubereye bwo gucunga ubutaka n'amazi bijyanye na politike nzima irebana n' urusobe rw'ibinyabuzima binyuranye n'aho biba.

5.3. Ubumenyi n'ikorana buhanga harimo ikoranabuhanga mu itumanaho (ICT)

Abanyarwanda bishimira umuco wabo na Leta ikaba igomba gukora ku buryo yakura inyungu muri uwo murage mwiza mu mpande zawo zose mu nzira igana iterambere. Nyamara, kugira ngo iyo nzira igana amajyambere igeze igihugu aho cyerekeza, u Rwanda rugomba kureba imbere maze rukabyaza umusaruro ibigezweho biri mu bumenyi n'ikoranabuhanga kugira ngo rwuzuze imbaraga ndanga muco zarwo.

Mu Rwanda, ikigereranyo cyo kwinjiza ubumenyi n'ikoranabuhanga mu buzima bujyanye n'imibereho n'ubukungu kiracyari hasi cyane kandi ibura ry'abakozi b'impuguke mu by'ubuhanga zabigize umwuga rigaragara ku nzego zose. Kuva ubu kugera mu mwaka wa 2020, u Rwanda rushaka kugira abantu bahagije bafite ubumenyi, ubuhanga n'ikoranabuhanga bakenewe mu iterambere ry'ubukungu bw'igihugu. Ni ngombwa gushaka, gusakaza no gukomeza gushakisha ubushobozi mu bumenyi n'ibigezweho mu ikoranabuhanga kugira ngo byinjizwe mu rusobe rw'iterambere ry'imibereho myiza n'iry'ubukungu bw'igihugu.

Kugira ngo u Rwanda rugere kuri iyi ntego, ruzagomba kuzamura inyigisho z'ubumenyi n'iz'ikoranabuhanga mu mashuri yisumbuye n'amakuru. Ibi bizorohereza abashaka gushinga imirimo y'ikoranabuhanga rihanitse n'iricirirritse kandi binateze imbere uburyo bwo gukoresha ICT kugera ku nzego z'ibanze z'ubuyobozi, nk'uko biteganywa mu igenamigambi ry'igihugu muri ICT.

6. Inzira yo kugera ku Cyerekezo 2020

Aha ikigamijwe ni ukwerekana ukuntu Icyerekezo 2020 cy'u Rwanda kizagerwaho biciye mu igenamigambi ry'igihugu. Iyi nzira igaragaza kandi ibipimo ngenderwaho kugira ngo hashobore gupimwa uko intego zigenda zigerwaho. Ibipimo by'imbonerahamwe y'ubukungu n'ibyavuzwe ko bizagerwaho bigomba kugaragazwa kandi bikerekana neza uburyo amafaranga yo gushyira mu bikorwa icyerekezo 2020 azaboneka.

6.1. Uko igenamigambi ry'u Rwanda rizajyana n'ishyirwa mu bikorwa ry'Icyerekezo 2020

Kugira ngo Icyerekezo 2020 n'ibyifuzo byavuzwe haruguru bishyirwe mu bikorwa bitaruhanije, ni ngombwa ko byinjizwa mu bikorwa byose by'igenamigambi, by'umwihariko inyandiko z'igenamigambi ry'igihe cya vuba n'igicirititse. Kubera ibyo rero, ibyifuzwa mu gihe kirekire bikubiye mu Cyerekezo 2020 bizagaragazwa muri gahunda z'igihe gicirititse ari zo Ingamba z'Igihugu zo Kurwanya Ubukene (PRSP) n'Ingamba z'Igihugu z'Ishoramari (NIS).

Ingamba z'Igihugu zo Kurwanya Ubukene (PRSP) zizashyirwa mu bikorwa zinyujijwe mu ngamba zihariye z'iterambere zunganiwe na Gahunda z'Iterambere ry'Uturere n'Imijyi mu gihe gicirititse. Ingamba zihariye z'iterambere na gahunda z'amajyambere z'inzego zegereye abaturage zizashyirwa mu bikorwa binyujijwe muri Gahunda y'Imyaka Itatu Igaragaza Ingengo y'Imari Iteganyirizwa Ibikorwa bya Leta (MTEF) na Gahunda y'Imyaka Itatu y'Ishoramari rya Leta (PIP); izi gahunda akaba ari zo zigaragaza gahunda y'ibikorwa by'umwaka bya buri rwego ari na byo bishingirwaho mu gutegura ingengo y'imari ya buri mwaka. Intambwe iterwa mu rwego rwo kugabanya ubukene, binyujijwe muri MTEF, izakurikiranwa kugira ngo bifashe mu itegurwa ry'igenamigambi ryihariye ry'inzego zinyuranye n'iry'Uturere. (*Reba ishusho ya 2)*

Ishusho ya 2 : Gushyira Icyerekezo 2020 mu bikorwa



6.2. Amikoro yo gushyira mu bikorwa Icyerekezo 2020 : ikigenekerezo cy'ingaruka ku bipimo by'ubukungu rusange

Gushyira mu bikorwa Icyerekezo 2020 bigomba gukorwa hakurikijwe ibyifuzo by'abanyarwanda. Dore bimwe mu bipimo byashingiweho kugira ngo hapimwe ikigenekerezo cy'imihindagurikire y'ubukungu rusange biturutse ku gushyira Icyerekezo 2020 mu bikorwa:

(1) Ubwiyongere kw'abaturage bubariwe ku mpuzandengo ya 2.7% kugera muri 2020;
(2) Kugira ngo u Rwanda ruhinduke igihugu gifite umutungo ucirirtse aho buri muturage abona amadolari y'amanyamerika 900 ku mwaka, u bwiyongere bwa GDP buteganyijwe kuba hejuru ya 7% buri mwaka muri icyo gihe;
(3) Hashingiwe ku buryo bwo kubara isano iri hagati y'ubwiyongere bw'ubukungu n'igipimo cy'ishoramari (ICOR), u Rwanda rugomba gushora imari inganа na 30% bya GDP kugira ngo rugere ku bwiyongere bw'ubukungu bwa 7% bwifuzwa;
(4) Mu ntangiriro, ubuhinzi ni moteri y'ibanze y'ubwiyongere bw'umusaruro kuko bufite ikigereranyo kirenze 45% bya GDP kugera mu mwaka wa 2010, naho uruhare rw'inganda rukaba 20% mu gihe urwa serivisi ari 37%. Nyuma inganda na serivisi bizafata iya mbere, aho serivisi zizaba ku kigereranyo cya 42%, inganda kuri 26%, naho ubuhinzi bukazaba ari 33% bya GDP;
(5) Ishoramari ry'abikorera rizagira impuzandengo ya 20% bya GDP irya Leta rigire 8%;
(6) Amafaranga y'ishoramari rya Leta rya buri mwaka azagenda yiyongera ku buryo azaba ageze kuri miliyari 605 z'amafaranga y'amanyarwanda mu mwaka 2020.

Imbonerahamwe ya 3: Ibipimo by'ubukungu mu ntambwe zinyuranye z'Icyerekezo 2020

	2005	2010	2015	2020
Abaturage (Miliyoni)	8.65	9.88	11.29	12.9
Umuvuduko w'ubwiyongere bw'abaturage %	2.7	2.7	2.7	2.7
Umusaruro (GDP) (Miliyari z'amafaranga)	1,218.75	2,147.85	3,957.28	7,291.04
Ubwiyongere bw'ubukungu (%)	7	8	9	9
Umusaruro ku muturage (RwF)	140,915.87	217,369.10	350,540.18	565,298.46
Umusaruro ku muturage (USD)	231.39	336.48	542.63	875.08
Umusaruro uva ku buhinzi n'ubworozi (Miliyari)	560.63	923.58	1,582.91	2,376.88
Uruhare rw'ubuhinzi n'ubworozi (% GDP)	46	43	40	33
Umusaruro uva kuri serivisi (Miliyari)	439	795	1,504	3,048
Uruhare rwa serivisi (% GDP)	36	37	38	42
Umusaruro uva ku nganda (Miliyari)	219	430	871	1,867
Uruhare rw'inganda (% GDP)	18	20	22	26
Ishoramari ry'imbere mu gihugu (Miliyari)	321.75	614.29	1,131.78	2,085.24
Irya Leta	124.19	163.26	314.35	605.25
Iry'abikorera	197.56	451.02	817.44	1,479.99
Ishoramari ry'imbere mu gihugu (% GDP)	26	29	29	29
Irya Leta	10	8	8	8
Iry'abikorera	16	21	21	21
Ingengo y'imari y'ubuzahuragihugu	124.19	163.26	314.35	605.25

Ishusho ya 3 : Uruhare rw'Imirenge muri GDP (2000-2020)



Ishusho ya 4 : Imirasuko ya GDP n'iy'ishoramari ku cyerekezo 2020



Iyi karita y'inzira igaragaza neza inzitizi u Rwanda ruzahura na zo kugira ngo rugere ku ntego z'Icyerekezo 2020. By'umwihariko, u Rwanda rugomba gutekereza neza ku nzira z'igenamigambi kugira ngo icyerekezo kibashe gushyirwa mu bikorwa, bityo hakabaho guhuza gahunda z'ibikorwa byihutirwa kurusha ibindi n'isaranganya ry'amikoro y'igihugu. Ibi bikaba bisaba ko hashyirwaho ingamba zo gukusanya imari ku buryo buhoraho, yaba iya leta, iva mu baterankunga n'iva mu bikorera. Nta gushidikanya ko aya mikoro yose nakoreshwa neza intego z'Icyerekezo zizagerwaho.

6.3 Inzego zizashyira mu bikorwa Icyerekezo 2020

Ishyirwa mu bikorwa ry'Icyerekezo 2020 rishingiye ku bushobozi bw'abagifitemo uruhare bose : Leta, abikorera, imiryango itegamiye kuri Leta, abayobozi ku nzego z'ibanze, imiryango n'amashyirahamwe y'abaturage ku rwego rw'ibanze, amadini, n'abaterankunga mu bijyanye n'iterambere. Guverinoma ni rwo rwego rufite uruhare runini kurusha izindi mu gushyira mu bikorwa Icyerekezo 2020. Minisiteri ifite Igenamigambi mu nshingano zayo ihuza ishyirwa mu bikorwa, ikurikirana n'isuzumabikorwa ry'Icyerekezo. Ireba kandi niba ingamba z'iterambere zihariye na gahunda z'amajyambere z'Uturere bitegurwa na za Minisiteri n'Uturere bihuje n'ibikubiye mu Cyerekezo. Iyi minisiteri izashingwa by'umwihariko:

- Guhuza ibirebana byose n'ishyirwa mu bikorwa ry'Icyerekezo 2020,
- Gukusanya no gusaranganya neza amikoro agenewe gushyira mu bikorwa gahunda z'ingenzi zemejwe mu Cyerekezo 2020,
- Kubaka ubushobozi bw'inzego z'igenamigambi n'izindi zishinzwe gushyira mu bikorwa Icyerekezo 2020,
- Kureba ko ingamba zihariye z'iterambere na gahunda z'amajyambere z'Uturere zishingiye ku Cyerekezo 2020 zitegurwa ku buryo zihuzwa na PIP na MTEF n'ingengo y'imari y'umwaka ,
- Kureba ko hubatswe urwego rukora ikurikirana n'isuzumabikorwa ry'Icyerekezo 2020,
- Gukora raporo igenewe Inama y'Abaminisitiri yerekana ukuntu intego z'Icyerekezo 2020 zigenda zigerwaho.

Inama y'Igihugu Ngishwanama y'Icyerekezo 2020 izajyaho kugira ngo igenzure kandi iyobore ishyirwa mu bikorwa ry'Icyerekezo 2020 no kugira ngo irebe niba abantu bose bemeranya ko ishyirwa mu bikorwa ry'Icyerekezo 2020 ryagezweho. Inama Ngishwanama ni urwego rwo guhuza abarebwa bose n'Icyerekezo 2020 barimo inzego za Leta, abaterankunga, abikorera, imiryango n'amashyirahamwe ategamiye kuri Leta n'abandi bose bafite icyo bakunganira mu migendekere myiza y'Icyerekezo 2020. Ibikorwa by'Inama bizahuzwa na Minisiteri ifite Igenamigambi mu nshingano zayo.

Hazashyirwaho amatsinda ya tekiniki yo kungurana ibitekerezo ku Cyerekezo 2020, azaba yubakiwe kuri za nkingi z'icyerekezo 2020. Impamvu y'ishyirwaho ry'aya matsinda ni ukugira ngo habeho guhuza ibikorwa no kunoza ubwuzuzanye hagati ya Politiki zinyuranye n'ibindi bikorwa byose no gutsura ibiganiro hagati y'abarebwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'Icyerekezo 2020 bose basenyera umugozi umwe.

Inzego z'ishyirwa mu bikorwa ry'Icyerekezo 2020



Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi izategura ku buryo burambuye ibirebana na buri tsinda n'inshingano zaryo ndetse n'iz'Inama y'Igihugu Ngishwanama.

Umwanzuro

Icyerekezo 2020 cyerekana imigambi ifite amatwara yo kuvana abanyarwanda mu bukene no guhindura u Rwanda igihugu gifite ubukungu bucirirtse. Hari abavuga ko dukabya. Abandi bavuga ko ari inzozi. Ariko se u Rwanda rufite ukundi rwabigenza? Nta wakwihanganira ko ruguma uko rumeze ubu. Ni yo mpamvu ari ngombwa kwiha intego nkuru mu rwego rwa Politiki no kuzishyira mu bikorwa kugira ngo habeho impinduka zose zikenewe ngo tugere ku cyerekezo twifuza. Ibi si inzozi iyo umuntu ahereye ku rugero rw'ibindi bihugu byahoze bimeze nk'icyacu hanyuma bikagera ku iterambere. Urugero rw'ibihugu byo muri Aziya y'Uburasirazuba rutwemeza ko natwe ibigaragara nk'inzozi bishobora guhinduka ukuri.

Imigereka

Umugereka wa 1: Ibipimo by' ingenzi by'Icyerekezo 2020

Ibipimo	Uko bimeze muri 2000	Intego muri 2010	Intego muri 2020	Urwego mpuzamahanga
1. Abaturage b'u Rwanda	7,700,000	10,200,000	13,000,000	
2. Urwego rwo kumenya gusoma	48	80	100	100
3. Icyizere cyo kurama (imyaka)	49	50	55	
4. Uburumbuke bw'abagore (%)	6	5.5	4.5	
5. Impfu z'abana ku gihumbi	107	80	50	
6. Ababyeyi bapfa babyara (ku nda 100.000 zavutse abana ari bazima)	1070	600	200	
7. Indyo mbi y'abana (indyo idahagije %)	30	20	10	
8. Ukwiyongera kw'abaturage (%)	2.9	2.3	2.2	
9. Kujya mu mashuri abanza ku gihe (%)	72	100	100	100
10. Abari mu mashuri abanza bose (%)		100	100	
11. Kwimukira mu mashuri yisumbuye (%)	42	60	80	
12. Abiyandikisha mu mashuri yisumbuye (%)	7	40	60	
13. Umubare w'abarimu babyigiye (%)	20	100	100	100
14. Ibigo byigisha imyuga		50	106	
15. Umubare w'abinjira mu mashuri makuru (0/00)	1	4	6	
16. Uburinganire mu mashuri makuru (% y'abagore)	30	40	50	50
17. Uburinganire mu nzego zifata ibyemezo (% gore)	10	30	40	
18. Umubare w'abanduye agakoko gatera SIDA (%)	13	11	8	0
19. Umubare w'abicwa na Malariya (%)	51	30	25	
20. Abaganga ku baturage 100.000	1.5	5	10	10
21. Abaturage baba ahantu hari isuku (%)	20	40	60	
22. Abaforomokazi ku baturage 100.000	16	18	20	20
23. Abakozi bo muri Laboratwari ku baturage 100.000	2	5	5	
24. Igipimo cy'ubukene (%)	60.4	40	30	
25. Impuzandengo y'ubwiyongere bwa GDP (%)	6.2	8	8	
26. Kwiyongera k'ubuhinzi n'ubworozi (%)	9	8	6	
27. Kwiyongera k'umusaruro uva mu nganda (%)	7	9	12	
28. Kwiyongera k'umusaruro uva muri serivisi (%)	7	9	11	
29. Ubusumbane ku mutungo (Igipimo cya *Gini* (%)	0.454	0.400	0.350	
30. Kuzigama kw'Igihugu (% ya GDP)	1	4	6	
31. Ishoramari ry'Igihugu (% ya GDP)	18	23	30	30
32. Umusaruro ku muturage muri US $	220	400	900	
33. Abatuye imijyi (%)	10	20	30	
34. Abari mu buhinzi n'ubworozi (%)	90	75	50	
35. Ubutaka buhinzweho kijyambere (%)	3	20	50	
36. Inyongera musaruro (Kg/ha/ku mwaka)	0.5	8	15	
37. Inguzanyo zijya mu buhinzi n'ubworozi (%)	1	15	20	
38. Abaturage bagerwaho n'a mazi meza (%)	52	80	100	100
39. Umusaruro mu buhinzi (kcal/umunsi/umuntu) (% y'ibikenewe)	1612	2000	2200	
40. Poroteyine/umuntu/umunsi (% y'ibikenewe)	35	55	65	70
41. Imihanda (km/km2)	0.54	0.56	0.60	
42. Amashanyarazi ku mwaka (kWh/umuturage)	30	60	100	
43. Abaturage bagerwaho n'amashanyarazi (%)	2	25	35	
44. Kurwanya isuri (% y'ubuso)	20	80	90	
45. Kongera gutera amashyamba (ha)				
46. Inkwi zikoreshwa mu kubyara ingufu (%)	94	50	50	
47. Imirimo itari iy'ubuhinzi	200.000	500.000	1.400.000	

Umugereka wa 2 : Uruhare rwa Leta turebeye mu mateka

Uruhare rwa Leta	**Mbere y'ubukoloni**	**Mu bukoloni**	**Kuva ku gihe cy'Ubwigenge kugera mu 1994**	**Nyuma ya Jenoside**
Amahoro n'umutekano imbere mu gihugu	-Muri rusange byari mu maboko y'umwami, -Intambara zo kwagura igihugu, no gucudika n'ingoma zimwe na zimwe zari zituranye n'igihugu cy'u Rwanda	-Intambara mu Karere zaragabanutse nyuma y'uko imipaka ishyizweho n'abakoloni bagafata ubutegetsi.	-Imyiryane ishingiye ku macakubiri ashingiye ku moko, -Umutekano mucye w'igihe cyose.	-Kurwanya abacengezi (1996-2000), -Umutekano w'imbere mu gihugu uri ku rwego rwo hejuru, -Gushaka amahoro mu Karere k'Ibiyaga bigari.
Ubumwe bw'Igihugu	-Nta ngorane mu gihugu kandi abantu bose bagira uruhare mu busugire bwacyo. Nyamara abigometse ku butegetsi bw'Umwami hari aho bacikaga aribo babyishakiye -Intambara yo ku Rucunshu yo mu 1896 yagabanije ingufu z'ubutegetsi bwa cyami	Imibereho myiza yarazambye: a) Amashuri y'abana b'abatware bonyine ayobowe n'Abapadiri bera - i Nyanza mu 1918 - Astrida 1929; b) Mu 1926 Ababiligi banyaze abahutu n'abatutsi bato bato hamwe n'abatwa.	- Ingengabitekerezo y'amacakubiri ashingiye ku moko yakomeje guhabwa intebe; - Igihugu cyahindutse umwirare (mu rwego rw'imibereho myiza) nyuma ya Jenoside yo mu 1990 – 1994.	-Ubushake busobanutse muri politiki no gushyira ingufu mu bwiyunge -Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge -Amategeko arwanya ivangura, harimo guca burundu indangamuntu zanditsemo ubwoko.
Ubutabera				- Ingufu mu kwimakaza ubwigenge bwa buri bumwe mu butegetsi butatu buzwi - Gacaca nk'ubutabera bwunga
Uburenganzira bwa muntu	Ntibwari bwubashywe bishimishije	Ntibwari bwubashywe bishimishije	Ntibwubashywe na gato	Urugendo rwo kubaka Igihugu kigendera ku mategeko
Kwegereza abaturage ubuyobozi	-Hariho inzego z'ubutegetsi ariko politiki irebererwa hejuru	-Perezida yikubiye ubutegetsi -Intangiriro yo kurunda ubukungu bw'Igihugu mu maboko ya Leta	-Ubutegetsi mu rwego rwa politiki n'urw'ubukungu byikubiwe n'abari ku isonga y'ubuyobozi.	-Ubutegetsi buragenda bwegerezwa abaturage -Icyiciro cy'Abikorera kiratera imbere - Ishyirwaho ry'Ikigega rusange cy'Iterambere ry'inzego zegerejwe abaturage

Uruhare rwa Leta	**Mbere y'ubukoloni**	**Mu bukoloni**	**Kuva ku gihe cy'Ubwigenge kugera mu 1994**	**Nyuma ya Jenoside**
Imiyoborere na Demokarasi	-Kureshya kw'abantu byari hasi -Abayobozi bose bashyirwagaho bitanyuze mu ipiganwa -Abantu bashoboraga kuvuga icyo bashaka no kunenga ubuyobozi	1/3 cy'Igihugu cyaratakaye nyuma yo kwigabanya Afurika kw'Abakoloni mu 1910 -Kureshya kw'abantu byari hasi -Nta Demokarasi ahubwo hari igitugu cya Leta	-Ubuyobozi bubi bw'*Ishyaka-Leta* - Kureshya kw'abantu byari hasi -Gutwaza igitugu kw'*Ishyaka-Leta*	-Kongera uruhare rw'abaturage mu bikorwa byose -Ingamba zo kurwanya ubukene -Urwego rw'Umuvunyi -Kwemera imitwe ya politiki myinshi -Itegeko riha itangazamakuru kwigenga -Ikusanyabitekerezo ku Itegeko Nshinga
Kwinjira mu bukungu bw'Akarere n'ubwo mu rwego mpuzamahanga	-Guhahirana n'izindi ngoma zikikije u Rwanda ntibyari biteye imbere -Guhahirana n'ibindi bihugu bya kure ntibyariho	-Gufungura imipaka y'Igihugu -Kumenya amahanga binyuze ku butegetsi bw'Ababiligi -Ibicuruzwa fatizo bikenerwa na bose	-Iterambere ry'ubutwererane n'amahanga -Gushyamirana rimwe na rimwe n'abaturanyi kubera ibyo abayobozi b'ibihugu bapfa bibareba	-Gusohoka no kwinjira mu gihugu ku buryo bworoshye -Ingufu zo kuzana amahoro mu Karere -Gukoresha indimi nyinshi -Kwinjira mu bukungu bw'Akarere n'ubwo mu rwego mpuzamahanga
Kuyobora Leta	-Ubutegetsi bwa cyami	-Igera ku cyo yiyemeje ariko hari igitugu	-Barageraageza -Ruswa iranuma	-Nta bwiru mu bikorwa byose -Kurwanya ruswa
Abanyarwanda baba mu mahanga	-Ni bake	-Abantu benshi bahunze Igihugu kubera uburetwa -Abakoloni bagenzura ku buryo busesuye abayobozi b'abenegihugu	-Leta yirukanye abantu -Leta ihungabanya abanyarwanda aho bahungiye	-Ubwenegihugu bubiri buremewe -Kwimakaza umubano n'imishyikirano -Gusohoka no kwinjira mu gihugu biroroshye -Abanyarwanda baba mu mahanga batumirwa mu makoraniro ngishwanama